Rwamagana, kuwa 12/06/17
N° 495/07.05.01

REPUBULIKA Y'U RWANDA

OFFICE OF NGOMA DISTRICT COUNCIL
RECEIVED ON: 20/6/2017
REFERENCE:
SIGNATURE:

NGOMA DISTRICT CENTRAL SECRETARIAT
RECEIVED: 16/6/2017
REFERENCE:
SIGNATURE:

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 26/05/2017**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 26/05/2017 yangezeho kuwa 05/06/2017;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe nsaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa.

Mboneyeho kongera kubashimira gahunda Mpinduramatwara y'amasibo mwatangiye ikaba irimo gufasha abaturage b'Intara y'i Burasirazuba gufatanya mu gushyira mu bikorwa gahunda zigamije imibereho myiza n'Iterambere. Nkaba nsaba ariko ko inyandiko zibobanura gahunda y'icyumba cy'umujyanama w'ubuzima zanozwa hatekerezwa ku cyakorwa igihe igihe uwari umujyanama w'ubuzima atakibasha kuzuza inshingano ze.

Mugire imirimo myiza.

**KAZAIRE Judith**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA**

P.O. Box 30 Rwamagana, Tel: 0252567931, Email: info@easternprovince.gov.rw,
Website: www.easternprovince.gov.rw

REPUBULIKA Y' U RWANDA

Ngoma, kuwa 01 /6/2017
N°Réf.NJY/14/07.05.06

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NGOMA
INAMA NJYANAMA
**Email: disconcilngoma**

Eastern Province
For reception
Date 05 JUN 2017
Signature

OFFICE OF THE MAYOR
NGOMA DISTRICT
RECEIVED ON 06/06/2017
REFERENCE
SIGNATURE

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
**RWAMAGANA.**

**IMPAMVU :** Kohereza imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa **26/5/2017**.

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa **26/5/2017**.
Ku mugereka wayo murahasanga inyandikomvugo y'inama idasanzwe yo ku wa **03/02/2017**.

Mbaye mbashimiye uburyo muyakira.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**BIMENYESHEJWE**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

**IMYANZURO Y' INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 26/5/2017**

Ku wa gatanu tariki ya 26 Gicurasi 2017, guhera i saa yine za mu gitondo (10h00), mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Ngoma, inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yarateranye iyobowe na Perezida wa yo Bwana **BANAMWANA Bernard .**

Inama yari yitabiriwe n' Abajyanama 22 kuri 29 . Abajyanama basabye impushya ni :

1. Bwana KIMENYI Martin
2. Dr KANOBANA Mathusalem
3. Dr NAMANYA William
4. Madamu KIRENGA Providence
5. Madamu KAYITESI Faulatha
6. Madamu UWINGABIRE Fausca
7. Bwana HATEGEKIMANA Fred

Mu gutangiza inama, Umuyobozi wayo yashimiye abayitabiriye aboneraho kubibutsa ibiri ku murongo w'ibyigwa.

Ku murongo w'ibyigwa hari :

1. Gusoma , gusesengura no kwemeza inyandikumvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 03/02/ 2017
2. Kurebera hamwe raporo y'ibyigiwe mu nama y'Abaperezida yo ku wa 15/02/2017, 31/3/2017 n'iyo ku wa 25/5/2017.
3. Raporo y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'Akarere ya 2016-2017.
4. Raporo y'Imihigo y'Akarere ya 2016-2017

**Ingingo ya I: Gusoma, gusesengura no kwemeza inyandikumvugo y'inama idasanzwe y'inama Njyanama yo kuwa 03/02/ 2017**

1. Nyuma yo gusoma, gusesengura , kungurana ibitekerezo no gukorera ubugororangingo inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 03/02/ 2017 abari mu nama bayemeje.

**Ingingo ya II: Raporo y'ibyavuye mu nama y'Abaperezida yo ku wa 15/2/2017, 31/3/2017 n'iyo ku wa 25/5/2017**

2. Ku ibaruwa yo ku wa 04/10/2016 UWITEGETSE Laurence wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Nyagatugunda Umurenge wa Zaza, yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko yahagaritswe ku kazi by'agateganyo. Hashingiwe kuri

raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagiye gukurikirana amakosa uyu UWITEGETSE aregwa bagasanga ari ukuri abari mu nama bemeje ko atarenganye ko ahubwo yashyikirizwa ubutabera kugirango bumukurikirane kandi hakurikizwe ibyo amategeko agenga umurimo ateganya .

3. Ku ibaruwa yo ku wa **02/02/2017** **NTAMBARA Grace** wo mu Murenge wa Rurenge Akagari Rugese Umudugudu wa Kiyanja yandikiye Inama Njyanama asaba kwibaruzaho ubutaka avuga ko yahawe 2007 mu Banyarwanda birukanywe Tanzaniya , abari mu nama bemeje ko atabuhabwa kuko hashingiwe kuri raporo igaragaza urutonde rw'abahahawe amazu n'amasambu i Rugese mu mwaka wa 2007 we ntagaragaraho . Hemejwe ko yakomeza kubikoresha nk'intizo.

4. Ku ibaruwa yo ku wa **02/02/2017 NYIRAGUKURA Wine** wo mu Murenge wa Rurenge yandikiye Inama Njyanama asaba kwibaruzaho ubutaka yemeza ko yahawe na Leta nyuma y'uko ubwo yari yahawe **2007** yabusubije nyirabwo MUKARUTUNA Agnes . Hashingiwe kuri raporo ya 2012 igaragaza urutonde rw'abahawe amazu n'amasambu i Rugese bigaragara ko yabitaye agasubira Tanzaniya; umwanzuro ukaba waremeje ko bisubizwa mu mutungo wa Leta . Abajyanama bemeje ko yaba abibayemo nk'intizo.

5. Ku ibaruwa yo ku wa **02/02/2017 MUREKATETE Rachel** utuye mu Murenge wa Rurenge yanditse asaba guhabwa uburenganzira bwo kwiyandikishaho ubutaka bwa Leta yatujwe mo , nyuma y'uko Abajyanama bagiye gusuzuma icyo kibazo basanze gifite ishingiro kuko basanze ari ku rutonde rw'abahawe amasambu n'amazu I Rugese 2007, basanga kandi iyo yari afite yarayisubije umuturage wacitse ku icumu rya Genoside yakorewe Abatutsi witwa NYIRABUKARA , bityo abari mu nama bemeje ko yakemererwa kwibaruzaho ubwo butaka.

6. Ku ibaruwa **NSENGIYUMVA Emmanuel** wo mu Murenge wa Kibungo , Akagari ka Cyasemakamba , Umudugudu w'Amarembo, arasaba kongererwa ikibanza avuga icyo yahawe ari gito, ubwo hubakwaga isoko Rikuru rya Kibungo . Hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagiye gukemura iki kibazo, basanze uyu NSENGIYUMVA Emmanuel yarahawe ikibanza gihagije bishingiye ku masezerano abari bahafite ibibanza bagiranye n'Akarere mbere y'uko bubaka mu mwaka wa 2012. Bityo Inama Njyanama yemeje ko icyo kibanza kitakongerwa.

7. Ku birebana n'ibaruwa yo ku wa **28/12/2016 RUDASINGWA J.Damascene** wo mu Murenge wa Jarama, Akagari ka Kibimba yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa, avuga ko yafunzwe, bikamuviramo no gusezererwa mu mirimo yakoraga, nyuma yo gufungurwa, akaba yifuza gusubizwa mu kazi akanahembwa imishahara atahebwe afunze. Abari mu nama, nyuma yo kwiyambaza Umunyamategeko, bagashigira no ku itegeko no 86/2013 ryo kuwa 11/9/2013 rishyiraho sitati rusange y'abakozi ba Leta mu ngingo ya ryo ya 93, rivuga ko iyo umuntu

afunzwe amezi arenga atandatu adasubizwa mu kazi nta n'ikindi yishyuza . Bityo abari mu nama bemeje ko ko atarenganye kuko yarengeje amezi atandatu afunze.

8. Ku ibaruwa yo ku wa **09/12/2016 FURAWA M. Odette** yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko yakoze ikizamini ku mwanya w'Umucungamutungo w'Umurenge, nyuma yo guhabwa ibaruwa imushyira mu kazi, Ubuyobozi bw'Akarere bwaje gusanga atujuje ibisabwa kuri uwo mwanya batesha agaciro ibaruwa bari bamuhaye imushyira mu kazi. Abari mu nama bemeje ko atarenganye kuko atujuje ibisabwa ku mwanya w'umucungamutungo w'Umurenge.

   Abari mu nama bemeje ko umukozi ushinzwe imicungire y'abakozi yakwandikirwa asabwa ibisobanuro kuri iryo kosa yakoze ryo kwemerera FURAWA M. Odette gukora ibizamini ku mwanya atujuje ibisabwa.

9. Nyuma yo gusesengura raporo yatanzwe na RGB igaragaza uko abaturage bishimira service bahabwa, byagaragaye ko Abajyanama bategera abaturage ku buryo buhagije . Abari mu nama bemeje ko bifashishije gahunda zitandukanye, Abajyanama barushaho kwegera abaturage bitabirira hamwe gahunda zitandukanye , nk'Umuganda w'ukwezi , inteko z'abaturage , umugoroba w'ababyeyi , amasibo .. mu Mirenge yose .

10. Mu rwego rwo kongerera ubumenyi Abajyanama b'Imirenge n'Utugari , abari mu nama bemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bwifashishije ibiro by'ishami ry'Imiyoborere Myiza babategurira amahugurwa ku mikorere y'Inama Njyanama ,mu kuyatanga hakazifashishwa (MINALOC, RALGA, n'Abajyanama b'Inama Njyanama y'Akarere.)

11. Ku ibaruwa yo ku wa 25/10/2016 **MUKANKUSI Odette** wo mu Murenge wa Rukira; yandikiye inama Njyanama asaba kurenganurwa agahabwa amasambu avuga ko yari ay'umuryango yashatsemo , abari mu nama bemeje ko yakwandikirwa asabwa kuzana icyangombwa kigaragaza ko yashyingiranywe na **RUHUMURIZA Bernard**, akanazana kandi imyanzuro y'urukiko igaragaza ko ariwe uhagarariye umuryango wa **RUTABOBA Gabriel** yari Sebukwe akanaba avuga ko yari nyir'amasambu aregera.

12. Inama Njyanama yemeje ingamba za Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu zo kugabanya ubukene .

13. Nyuma yo gusesengura no gukorera ubugororangingo inyandiko igaragaza imikorere y'amasibo, abari mu nama bayemeje . Abari mu nama bemeje kandi ko Ubuyobozi bw'Akagari ka **Nyaruvumu** bwahabwa igikombe kuko ari bwo bwatangije mu Karere iyi gahunda Mpinduramatwara y'amasibo. Umuyobozi w'ako Kagari Bwana **NDARUHUTSE Jean de Dieu** agahabwa inka y'inzungu nk'igihembo cy'ishimwe kuri icyo gikorwa cy'indashyikirwa.

abari mu nama bemeje ko Komite Nyobozi yakemura icyo kibazo hakurikijwe ibyo amategeko ateganya.

15. Ku ibaruwa no**1074/07.05.06** yo ku wa **19/5/2017** ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba gushyira mu mwanya w'ubugenzuzi (internal auditor ) by'agateganyo Madamazera **MUSABWA Alice** na **MUHINYUZA Jerome** , abari mu nama babyemeje.

16. Ku ibaruwa yo ku wa**16/5/2017MUJAWAMARIYA Felesiya** wo mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge Umudugudu w'Isangano yandikiye Inama Njyanama asaba guhabwa icumbi kuko atagira aho aba. Abari mu nama bashingiye ku mwanzuro w'inama y'Inama Njyanama yo ku wa 30/11/2012 hari hafashe umwanzuro kuri icyo kibazo , bemeje koubuyobozi bw' Akarere bwamushakira icumbi nk'abandi batishoboye.

17. Ku ibaruwa yo ku wa **19/9/2016MUKASA Joseph** wo mu Mujyi wa Kigali Akarere ka Nyarugenge Umurenge wa Nyamirambo Akagari Mumena yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa agahabwa ubutaka buherereye mu Murenge wa Kibungo butuyemo abaturage akaba avuga ko ari ubwa Sekuru Rutaneshwa .Abari mu nama bemeje ko yazana ibyangombwa by'urukiko bigaragaza ko ari we muzungura wenyine wa Rutaneshwa , akazana kandi icyemezo cye n'icya se by'amavuko ; ibyo bikazifashishwa mu gukemura icyo kibazo.

18. Nyuma yo kugezwaho raporo y'igikorwa cyiza cy'indashyikirwa cyakozwe n'Umurenge wa Mutenderi cyo kubakira Abajyanama b'ubuzima icyumba bakoreramo, abari mu nama bemeje ko Komite Nyobozi yategura kandi ikanoza inyandiko ngenderwaho y'imyubakire y'icyo cyumba, iyo nyandiko ikazagenderwaho n'indi Mirenge yose mu kubakira Abajyanama b'ubuzima icyumba buri wese akoreramo , mu rwego rwo kunoza serivise batanga.

19. Hashingiwe ku ibaruwa no **863/07.05.06** yo ku wa **24/4/2017** Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kwiga ku kibazo cy'abacuruzi basaba kugabanyirizwa ibiciro by'ubukode bw'amazu y'ubucuruzi y'Akarere bakodesha ku isoko rya Kibungo, ayo mazu asanzwe akodeshwa ibihumbi mirongo itatu ( 30,000frws)umuryango umwe ;abo baturage bifuje ko bakishyura amafaranga ibihumbi cumi na bitanu (15,000 frws) . Abari mu nama bemeje ko yakodeshwa ibihumbi makumyabiri **(20,000** frws) umuryangoumwe nk'uko Komite Nyobozi yabisabye kugeza igihe bizagaragarira ko ibyo biciro byakongera guhindurwa.

20. Ku ibaruwa yo ku wa 28/3/2017 **NIYONSABA Ramadhan** na **NSANZINTWARI Ally** bandikiye Inama Njyanama basaba kurenganurwa kuko badafite aho gutura kandi ubutaka bw'ababyeyi babo SINAFI Evaliste na NZAMWITAKUZE bitabye Imana muri 1994, ubwo butaka bwari buherereye mu Murenge wa Kibungo Akagari ka Mahango Umudugudu wa Kacyiru bukaba bwaratujwemo abaturage

Hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama n'umukozi wo mu biro by'ubutaka bafatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Kibungo n'inteko y'abaturage bakurikiranye imiterere y'iki kibazo , abari mu nama bemeje ko ikibanza cyari cyahawe FARIDA mu rwego rwo gutuza abaturage mu Midugudu cyasubizwa NSANZINTWARI Ally na NIYONSABA Ramadhan kuko Farida atigeze acyubaka kandi akaba afite ubundi butaka. Komite Nyobozi yasabwe gukemura icyo kibazo ikazageza raporo ku nama y'Inama Njyanama itaha.

21. Ku ibaruwa yo ku wa **15/3/2017MUKANKIZAMENSHI Shadia** wo mu Murenge wa Rurenge Akagari ka Rugese yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka bwa Leta buri I Rugese avuga ko yahawe , abari mu nama bemeje ko yakandikira Inama Njyanama abusaba kuko nta rwego ruzwi rubifitiye ububasha rwabumuhaye, ikibazo cye kikazabona gusuzumwa.

22. Ku ibaruwa yo ku wa **15/2/2017** Perezida wa Komite Nyobozi y'Umurenge **SACCO KOKURU ( Umurenge SACCO wa Rukira)** yandikiye Inama Njyanama asaba ubutaka bungana na $m^2$ 1080 zirenga kuri $m^2$ 600 bari bemerewe n'Inama Njyanama y'Akarere kimwe n'indi Mirenge SACCO, hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bagiye gusuzuma icyo kibazo , basanze ubwo butaka basaba nta kindi gikorwa kigaragara cyakorerwamo , bityo abari mu nama bemeje ko babuhabwa mu rwego rwo gushyigikira iyo SACCO.

23. Hashingiwe ku ibaruwa no **861/07.05.06** yo ku wa **25/4/2017** ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kwemeza Komite ishinzwe gucunga imitungo itagira bene yo, hashingiwe ku iteka rya Minisitiri **No 003/MOJ/AG/2017** ryo ku wa **07/02/2017** rigena uburyo bwo gucunga imitungo yasizwe na bene yo n'imikoranire y'inzego zigira uruhare mu kuyicunga, abari mu nama bemeje iyo Komite :
    a) Umuyobozi w'Akarere Ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu : **Bwana RWIRIRIZAJ.M.V**
    b) Uhagarariye abikorera : **BwanaHITIMANA Vedaste**
    c) Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Karere : **Bwana HAKIZIMANA Augustin**
    d) Uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere : **Madamu MUKARUTESI Chantal**
    e) Uhagarariye ibiro by'ubutaka mu Karere : **BwanaMUTABAZI Celestin**

24. Ku ibaruwa no **1098/07.05.06** yo ku wa **24/5/2017** ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kunoza imicungire y'amafaranga akoreshwa muri transport imbere mu Karere aho bagaragazaga ko gukodesha imodoka zijya kuri terrain bihenze aho ikodeshwa make ari ibihumbi mirongo irindwi bityo bakaba bari basabye ko umukozi w'Akarere ufite imodoka agiye kuri terrain yatwara bagenzi be agahabwa essence y'ibihumbi makumyabiri agiye i Zaza, Karembo, Gashanda, Kazo, Rurenge, Mutenderi , Rukira na Remera naho akaba yahabwa essence y'ibihumbi mirongo itatu (30,000frws) agiye gukorera I Jarama , Sake, Rukumberi na Mugesera. Abari mu nama bemeje ko bakomeza gukurikiza amategeko asanzwe .

essence y'ibihumbi mirongo itatu (30,000frws) agiye gukorera I Jarama , Sake, Rukumberi na Mugesera. Abari mu nama bemeje ko bakomeza gukurikiza amategeko asanzwe .

25. Hashingiwe ku ibaruwa no 015/2017/Ngoma DP Board ya Farumasi y'Akarere ka Ngoma yandikiye Inama Njyanama isaba ko hakongerwa amafaranga agenerwa uwitabiriye inama ya Board ya Farumasi akava ku mafaranga ibihumbi icumi (10,000 frws) akaba ibihumbi mirongo itatu ( 30,000 frws). Abari mu nama bemeje ko bazajya bahabwa amafaranga ibihumbi makumyabiri (**20,000** frws).

**Ingingo ya III. Kurebera hamwe imikoreshereze y'ingengo y'imari 2016-2017**

26. Umukozi Ushinzwe Imirimo Rusange ( CDM) yagejeje ku bitabiriye raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Ngoma aho imaze gukoreshwa ku kigereranyo 78%.

**Ingingo ya IV.Raporo y'Imihigo y'Akarere ya 2016-2017**

27. Umukozi w'Akarere Ushinzwe Iteganyabikorwa ( Planner) yagejeje ku bitabiriye inama aho Imihigo y'Akarere ya 2016-2017 igeze aho basabye gukomeza gushyiramo imbaraga kuko hasigaye igihe gito ngo umwaka urangire.

Inama yasoje imirimo yayo i saa kumi n'imwe (17h00).

Bikorewe i Ngoma ku wa **26/5/2017**

**Umwanditsi w'inama:**

**MUKANKURANGA Beatrice**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Ngoma

**Umuyobozi w'inama:**

**BANAMWANA Bernard**
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Ngoma



1135

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE
Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 26/5/2017

| No | AMAZINA | UMURENGE | N0 Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 01 | BANANWANA Bernard | ZAZA | 0777310705 | [signature] |
| 2 | UMUHIRE M. Providence | SAKE | 0788630377 | [signature] |
| 3 | RUKUNDO Ambain | Gashanda | 0788514139 | [signature] |
| 4 | Aphrodise Nkusaje | Kibungo | 0786859415 | [signature] |
| 5 | Ephrem MUSONERA | Mupesera | 0788389697 | [signature] |
| 6 | RWIRIRIZA J.M.V | RUKIRA | 0788522524 | [signature] |
| 7 | Mwiza Naolege | ZAZA | 0782535363 | [signature] |
| 8 | MUSABWASONI Sandra | ZAZA | 0788541285 | [signature] |
| 9 | MUKANDANGA Marie | JARAMA | 0788341022 | [signature] |
| 10 | Muligo Ladislas | Karembo | 0788665751 | [signature] |
| 11 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | [signature] |
| 12 | MUKAMUNZI Pélagie | MUGESERA | 0788605220 | [signature] |
| 13 | MUGIRANEZA J. Thierry | RURENGE | 0788430785 | [signature] |
| 14 | ISINGIZWE Aline | RURENGE | 0788387829 | [signature] |
| 15 | SINAYOBYE Innocent | Murama | 0783507676 | [signature] |
| 16 | HAKIZIMANA Augustin | Kibungo | 0788604376 | [signature] |
| 17 | KAZIMIRE Julius | Kibungo | 0788130923 | [signature] |
| 18 | KABANYANA Candide | Rukumberi | 0783338779 | [signature] |
| 19 | KAMANZI John | Ndindele | 0788643526 | [signature] |
| 20 | GASANA Jean de Dieu | MURAMA | 0788524525 | [signature] |
| 21 | Mukankuranga Béatrice | Kibungo | 0788457849 | [signature] |
| 22 | MUGISHA Narcisse | REMERA | 0783716454 | [signature] |

[signature]

## URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 26/5/2017

| No | AMAZINA | UMURENGE | N0 Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 01 | BANAYWANA Bernard | ZAZA | 0787310705 | |
| 2 | UMUHIRE M. Providence | SAKE | 0788630377 | |
| 3 | RUKWAYA Aulain | Gashanda | 0788514139 | |
| 4 | Aphrodise Nkusanje | Kibungo | 0786859415 | |
| 5 | Ephrem MUSONERA | Mugesera | 0788384697 | |
| 6 | RWIRIRIZA J.M.V | RUKIRA | 0788522524 | |
| 7 | Mwiza Nadege | ZAZA | 0782535363 | |
| 8. | MUSABWASONI Sandra | ZAZA | 0788541285 | |
| 9. | MUKANSANGA Marie | JARAMA | 0788341022 | |
| 10 | Muligo Ladislas | Karembo | 0788665751 | |
| 11 | MUKARUTESI Chantal | KIBUNGO | 0788467995 | |
| 12 | MUKANKUNZI Pélagie | MUGESERA | 0788605220 | |
| 13 | MUGWANEZA J. Thierry | RURENGE | 0788430785 | |
| 14. | ISINGIZWE Aline | RURENGE | 0788337829 | |
| 15. | SINAYOBYE Innocent | Murama | 0783307676 | |
| 16 | HAKIZIMANA Augustin | Kibungo | 0788604376 | |
| 17 | KAZIMIRE Julius | Kibungo | 0788130923 | |
| 18 | KABANYANA Candide | Rukumberi | 0783338779 | |
| 19 | KAMANZI Alain | Mutenderi | 0788643526 | |
| 20 | GASANA Jean de Dieu | MURAMA | 0788524525 | |
| 21. | Mukankuranga Béatrice | Kibungo | 0788457849 | |
| 22 | MUGISHA Narcisse | REMERA | 0783716454 | |